


ITORERO, RYASHUTSWE N'ISI

 Yesu Kristo, Umwana We, kandi yaduhaye byose muri Kristo k'ubuntu. Turagushimira, Mwami, kubw'amahirwe twahawe ku bw'iki gitambo gikomeye cyane Yesu yaduhaye i Karuvari, icyo ni cyo cyaduhuje kidusubiza mu busabane bwa bene Data no kubw'imbabazi zawe, ko dushobora kugira iri humure yo kumenya ko byanditswe, "Nimuguma muri njye, n'amagambo yanjye akaba muri mwe, mushobora gusaba icyo mushaka, kandi muzagihabwa." Noneho, twishimiye ibi, kandi dusenge kugirango Uduhe kwizera ko kubyizera hamwe n'ibiri muri twe.

² Noneho reka dushyire ku ruhande, Mwami, imirimo yose y'umunsi, ukwita kose kuri ubu buzima, mu buryo bwose uhereye k'umurinzi kugeza kuri pasiteri, ko nta kintu na kimwe mu mitekerezere yacu, ariko utegereze, utege amatwi wubahe Umwuka Wera atuvugishe, kugirango dushobore gukora ikintu cyiza, kugirango tumenye byinshi kuri wowe, duteraniye hamwe. Kuri ibyo, Mwami, mu by'ukuri ni yo mpamvu twaje kuri uyu muni hashyushye. Vugana natwe ukoresheje Ijambo ryawe rizima, ureke Ijambo rizima riture muri twe kandi rigume muri twe, kugirango dushobore gushyirwaho no kugororwa, atari kubw'isi, ahubwo umwuka wacu uhindurwe bundi bushya, mu ishusho y'Umwana w'Imana. Yoo, imitima yacu ihinda umushyitsi iyo dutekereje, kandi umunezero wuzuye mu imitima yacu, kuko tuzi ko dushobora kwitwa abahungu nabakobwa b'Imana. Tugeze kumpera yo kuza kwe kwa kabiri, kandi amahanga yose n'ubwami byose bihinda umushyitsi muni y'ibirenge byacu, ibintu byose byo ku isi bizashira, ariko uzi ko umunsi umwe We azaza kutujyana mu Bwami ahatazagera habaho iherezo, cyangwa, ntirizigera ryimurwa. Kandi gutekereza ko turi aba—abayobokeye b'ubwo Bwami! Mana, keba imitima yacu n'amatwi uyu muni, nu—n'Umwuka Wera, binyuze mu kwezeshwa amazi y'Ijambo. Kuberako tubisabye mu Izina rye n'icyubahiro cye. Amina.

³ Ndashaka kuvuga ku ngingo muri iki gitondo. Kuberako, Nari ngiye kuvuga ku bintu bitandukanyeho gato niba hagomba kubaho serivisi yo gukiza abarwayi, ariko twatangaje ko amakarita y'amasengesho agomba gutangwa saa munani, kugeza saa munani na mirongo itatu zuzuye. Kandi nanjye... Billy yageze imuhira hashize iminota mike maze avuga ko hano nta muntu wari uhari, ntabwo rero yatanze amakarita yo gusengerwa. Tuzabikora... Natekereje gufata iyi nyandiko, kugirango ntange umucyo ku itorero. Kandi ndashaka kuvuga ku ngingo igira iti: *Itorero, Ryashutswe n'Isi*. Ndashaka gusoma noneho mu gitabo cy'abacamanza, igice cya 16, guhera ku

murongo wa 10.

Delila abwira Samusoni ati: Dore wampemukiye, umbwira ibinyoma: none ndakwinginze, umbwire icyabasha kukuboha.

Aramubwira ati: Niba umpambiriye vuba n'imigozi mishya itigeze ikoreshwa, nacogora, nkamera nk'abandi.

Delila afata imigozi mishya, aramubohesha, aramubwira ati: Wapfa Samusoni, Abafilisitiya baragusumiye. Kandi abamwubikiriye bari bari mu mwinjiro. Maze arayicagagura nk'urudodo imuva ku maboko.

Nuko Delila abwira Samusoni ati: Ni kurya uracyampemukira, kandi uracyambeshya: mbwira icyabasha kukuboha. Aramusubiza ati, wasobekeranya imigabane... irindwi yumusatsi wo ku mutwe wanjye mo uruyonga, byashoboka.

Nuko awutsibisha urubambo, aramubwira ati, Wapfa Samusoni, Abafilisitiya baragusumiye. Nuko arakanguka, ashikuza urwo rubambo rw'inkingi hamwe n'uruyonga rusobekeranjemo.

Delila aramubwira ati, wakagize ngo urankunda kandi tudahuje umutima? umpemukiye gatatu, utambwira... aho imbaraga zawe nyinshi ziva; ntabwo wambwiye aho imbaraga zawe nyinshi ziva.

Ariko kuko yari amushimikiriye iyo minsi yose akamubaza amuhata, amurembeje nk'uwenda gupfa;

Nuko amubwira ibyari mu mutima we byose, aramubwira ati, nta cyuma cyogosha kigeze kunyura ku mutwe; kuko nabaye Umunaziri w'Imana uhereye nkiva mu nda ya mama: Nakogoshwa, imbaraga zanjye zanshiramo, ngacogora nkamera nk'abandi.

Nuko Delila abonye ko amubwiye ibyari mu mutima we byose, atuma ku... batware b'abafilisitiya bose, avuga ngo, muzamuke iyi nkubwe gusa, kuko yambwiye ibyari ku mutima we byose. Nuko abatware b'Abafilisitiya bamusanga aho ari, bazanye za feza, cyangwa bamuhereza feza mu biganza bye.

Aherako amusinzirira ku bibero; maze ahamagaza umuntu, kumwogosha imigabane irindwi yumusatsi; nuko... aherako amushinyagurira, imbaraga ze zimuvamo.

Maze aramubwira ati, Wapfa Samusoni, Abafilisitiya baragusumiye. Arakanguka, yibwira ko, yisohokera nk'ubundi akikunkumura. Ariko yari atazi ko UWITEKA yamuretse.

4 Noneho ndifuzaga gusoma, amagambo ajyanye n'umutwe w'iki kibwirizwa, aboneka mu Gitabo cy'Ibyahishuwe, igice cya 2, kuva k'umurongo wa 21 kugeza kuwa 23.

Icyakora Namuhaye uburyo bwo kwihana; ariko ntiyashaka kwihana ubusambanyi bwe.

Dore Nzamugusha ku buriri, mutezane amakuba n'abasambane be, cyeretse nibihana imirimo yabo mibi.

Kandi n'abana be Nzabicisha urupfu; amatorero yose amenye yuko ari nje urondora ubwenge n'umutima kandi ko Nzitura umuntu wese wo muri mwe ibikwiriye ibyo yakoze.

Uwiteka yongere imigisha mu gusoma kw'Ijambo Rye.

5 Samusoni, ibintu byinshi nk'itorero, yabitangiye neza. Yatangiye ari mu cyerekezo cyiza. Yatangiye, yitwa umuntu w'intwari w'agaciro. Yatangiye, akorera Umwami, mu kubahiriza Amagambo Ye no gukurikiza Amategeko Ye. Kandi ibyo byari bimeze kimwe n'itorero. Byatangiye, nk'uko twabivuye, nk'imvugo y'isi, byatangiriye ku kirenge cy'iburyo. Yatangiye gukurikiza Amategeko y'Umwami. Igihe cyose Samusoni yakurikizaga Uwiteka, Uwiteka yakoresheje Samusoni.

6 Kuberako, Imana ishobora kugumana umuntu wese no gukoresha umuntu wese uzamukurikira, kubw'ibikorwa by'Imana. Ariko iyo duhindukiye ku ruhanda, kure y'ibintu by'Imana, ubwo Imana ntiyongera kudukoresha ukundi. Igihe tuzagenda dushikamye inyuma y'Amategeko y'Imana, nituguma mu mapaji ya Bibiliya no tukaramya kubw'Ijambo ryanditswe, tukaramya mu Mwuka no mu Kuri kw'Ijambo, icyo gihe Imana ishobora gukoresha umuntu uwo ari we wese. Ariko iyo bafashe igitekerezo cyo guhindukirira ikindi kintu, ubwo Imana ntishobora kongera gukoresha umuntu ukundi.

7 Rero, Samusoni akora u—ukwerekana cyane itorero ry'iki gihe. Igihe itorero ryatangiraga, Imana yashoboraga gukoresha itorero, kuko itorero ryagendaga ryitondera gukurikiza amategeko y'Umwami, yubahirije imanza Ze zose n'amategeko shingiro Ye, kandi asohozaga Amategeko ye yose. Kandi Imana yari kumwe n'itorero. Ariko bisa nk'aho hari ahantu hacika intege hagati mw'itorero.

8 Mwibuke, ntabwo turimo kwitemberera, ahubwo turi ku rwamba. Abantu benshi batekereza gusa ko iyo babaye Abakristo ibyo ari byo byonyine bakeneye gukora, kugirango ibyo bikemuke burundu, ko uko bagenda baba abakristo ari ko ibintu byose bigenda byoroheye. Ibyo mubikure mu mutwe wanyu. Kuberako, mpinduka umukristo kugirango ndwane, kurwana urugamba rwiza rwo kwizera. Mpinduka Umukristo, kugirango ninjire mu murongo w'urugamba. Turi abasirikare b'Abakristo, kandi twabonye imyitozo turayikurikiza, ndetse

tuzi n'imikorere yose y'umwanzi, kumenya gushimangira, kumenya uko ku—kurwana intambara. Kandi dushobora kubikora gusa nk'uko Umwuka Wera azabiduhishurira. Ntidushobora gufata ibyo andi mahanga atubwira iyo tugiye ku rugamba, bimwe mu bitekerezo byabo. Ariko tugomba gufata ibitekerezo byacu bwite, uburyo Umwuka Wera yatuyobora, n'ibitekerezo Yaduha, kubera ko Ari Umugaba Mukuru w'ingabo z'Abakristu.

⁹ Samuson yakoze ibyiza, yari umuntu ukomeye kugeza atangiye ku, atangira kumera (twabyita) kujarajara hirya no hino, kugeza ubwo atangiye kuva ku butaka bwe. Kandi itorero ryagendaga neza, kandi byari byiza kugeza ubwo batangiye kuva ku butaka bwabo. Samusoni atangira guheheta. Kandi ntabwo yahehetaga abakobwa b'Abisiraheli, atangira guheheta abakobwa b'Abafilisitiya.

¹⁰ Kandi ibyo bisa nk'ibyo itorero ryakoze. Ntabwo ritangira gukundana n'abaryo bwite, ryiruka inyuma y'abatizera ritangira guhehetana n'abatizera. Aho ni ho twakoze ibikomeye, kandi rimwe mu makosa akomeye, ni igihe itorero ritangiye gukora ibintu bitari byiza. Ritangira kugenda, nka Samusoni, n'inshuti mbi.

¹¹ Samusoni, igihe cyose yagendanaga n'abantu b'Uwiteka, yakoze ibintu byose byiza. Ariko ageze guhehetana n'abantu babi, yahise agira ibibazo.

¹² Kandi uko ni ko bimeze no mw'itorero. Igihe itorero ryakurikizaga icyubahiro kandi buri muni nyuma yo kuyoborwa n'Umwuka Wera, Imana yabahaye umugisha, n'ibitangaza n'ibimenyetso n'ubwiza byakurikiraga itorero. Ariko iyo ritangiye gukomeza kubana n'inshuti mbi, kubana n'isi! Kimwe mu bintu bibi cyane ryakoze, n'ibintu bya mbere ryakoze, ryatangiye gutegura, gusenya ubusabane hagati y'abandi bizera, kuko basanze ibihugu byarishyize hamwe. Ariko ubu Butumwa bwiza ntabwo bwagenewe igihugu kimwe cyangwa ubwoko bumwe. Bwagenewe "uwabishaka wese, mu mureke aze," amahanga yose, imiryango, indimi, n'abantu. Imana ntiyigeze ishaka ko twishyiriraho impaka.

¹³ Ariko abantu bo bashakaga ko ari ko bimera, baragereranya, cyangwa bakigana, bakitwara nk'uko i—isi yitwara, bavuga ibintu nk'ibyabo, bagira ukwigaragaza nk'ukwabo. Ntidushobora na rimwe kubona intsinzi mu gihe dukora ikintu cyose isi ikora. Dushobora gutsinda gusa mu gihe dukurikiza amategeko y'Imana n'uburyo bwayo bwo gukora ibintu. Ntidushobora na rimwe kubigeraho, twiyunze n'isi. Niba uruganda rw'itabi rwarabonye insinzi y'ubupfu rubikuye cyane kuri tereviziyo, kandi inzoga n'imbaga y'abacuruzi b'inzoga na whisky imaze kwamamara cyane kubw'uruhare runini rwa tereviziyo, ibyo ntabwo ari ikimenyetso cyerekana ko itorero

rizamenyekana cyane binyuze kuri tereviziyo. Ukumenyekana kw'itorero kuri mu kwamamaza Ubutumwa bwiza, bw'imbaraga z'Imana, no mu kwigaragarza k'Umwuka. Ntidushobora kuvuga ngo kuko iyo tereviziyo yakoze *ibintu-nkibyo* kuri sosiyete y'itabi no—no ku yandi masosiyete! Ntabyanditwese na bimwe dufite bitubwira ngo tugerageze kwigereranya n'abo bantu. Kandi mugihe cyose tubikoze, dushobora gukurura abantu benshi, ariko ntabwo ari byo Imana yadutegetse gukora. Dutekerezako ko kuko byose bigenda neza, tugendera mu birere, dufite amadini akomeye, atera kugira ibintu bishashagirana, ko ari byo bituma tumenyekana. Dupfa buri muni, tuvuze mu buryo bw'Umwuka! Niba duhagaze duhagaze bikomeye turi miliyoni icumi, kandi Umwuka Wera akaba atari kumwe natwe, Byaba byiza duhagaze turi icumi rishikanye Umwuka Wera ari kumwe natwe. Ntidushobora kwigereranya n'isi.

¹⁴ Kandi kimwe mu bintu bya mbere, ni uko, itorero ritangira kwishyiraho imikorere yaryo. Idini rya mbere ryari kiliziya gatolika, hanyuma haza itorero ry'Abaluteriyani. Ubwo batangiraga kwishyiriraho imikorere yabo muri kiriziya gatorika kugira ngo bakore idini, umunsi umwe byabyukije urusaku, "Abafilisitiya baragusumiye, Samusoni," na Samusoni acagagura imigozi y'imbibi za kiliziya gatolika, na Maritini Luteri aba ashotse ubwo, hamwe n'idini.

¹⁵ Hanyuma bahambira itorero n'undi mugozi, nk'uko Delila yabigenje. Nuko baratangiye...aho kugira umuntu wahamagawe n'Imana, umuntu wahamagawe n'Umwuka Wera; birashoboka ko baba batazi na ABC, ariko bazi Kristo. Hanyuma itorero ryarubatswe rirakomera, bijyanye n'ibitekerezo bya politiki. Bagombaga guha ababwiriza babo "impamyabumenyi ya dogiteri," abantu bose bagombaga kuba ba Dogiteri mu bijyanye n'iby'Imana. Uwo wari uwundi mugozi wo guhambiriza itorero. Abagabo baragenda bakiga, buri seminari ikagerageza kubyara intiti nziza kugirango amatorero yabo ashobore kugiira icyo yirata, "Pasiteri wacu ni Dogiteri mu by'Ubumana." Kandi bakoze iki? Umwe agerageza kugira ubumenyi burenze ubundi. Ni byiza, ibyo ntacyo bivuze imbere y'Imana.

¹⁶ Kandi ntihakeneze ko umuntu uwo ari we wese wagerageza kwishingikiriza k'ubumenyi bwe hanyuma ngo ashimishe Imana. Ni ikizira imbere y'Imana! Ntuzigera ushimisha Imana n'ibyifuzo by'isi n'ubumenyi, kuko "ni ibyangwa n'Imana," ni ko Ibyanditswe bivugaga. Ntishobora kubikora.

¹⁷ Kandi buri wese agerageza kugira ubumenyi bwose. Bazi icyo gukora gusa n'amagambo yo kuvuga, kandi ihinduka ijamba rya politiki gusa mu mwanya w'ubutumwa bugaragajwe mu mbaraga, Ubutumwa bw'Umwuka Wera bucengera mu mutuma w'umuntu maze bugahishura ibyaha bye. Batojwe ibiganiro bya politiki, kandi ntabwo ari byo dukeneye. Pawulo yaravuze ati: "Ijambo ntabwo ryatuziye rityo gusa... cyangwa,

Ubutumwa Bwiza, mu magambo gusa, ahubwo ryanyuze mu mbaraga z'ukwigaragaza k'Umwuka Wera.” uko ni ko Ubutumwa bwiza bwamenyekanye, bugaragajwe n'imbaraga z'Umwuka Wera! Ariko aba bagabo bose bajya muri za seminari kandi bakahavana ubumenyi buhambaye, bakiga uko bagomba guhagarara imbere y'abantu, uburyo bagomba kwigaragaza, uko bagomba kwambara n'uburyo bagomba gukora, n'uburyo batagomba na rimwe gukoresha ikibonezamvugo kitari cyo. Noneho, ibyo byose ni byiza ku mvugo ya politiki, ariko ntituri inyuma y'amagambo ashimishije y'umuntu. Pawulo yaravuze ati: “Ubutumwa bwiza mbwiriza ntabwo ari uko bwaje, ariko Bwaje binyuze mu guhindurwa bushya n'Umwuka—Umwuka Wera ndetse no kwigaragaza kw'imbaraga.” Ibyo ntabwo bizanwa n'ijambo mbwirwaruhame rivugitse, kugira ngo ubwenge bwanyu bube, cyangwa ibyiringiro byanyu bibe mu bwenge bw'umuntu. Ahubwo ibyo bizanwe n'ukugaragazwa kw'Imbaraga za Kristo wazutse. Ubwo ni bwo Butumwa Bwiza, “Kumumenya mu mbaraga z'umuzuko We.”

¹⁸ Buri wese agerageza gutekereza ko afite ubwenge bwinshi kurenza mugenzi we, buri dini naryo ni uko. Abametodisite bazavuga bati: “Dufite umugabo uzi ubwenge.” Ababatisita nabo bazavuga batyo, n'Itorero rya Kristo, n'ibindi n'ibindi, bose bati: “Twebwe, turi abanyabwenge cyane. Twebwe—abantu bacu, ntitwemera ko umuntu wese usanzwe asohoka ngo abwirize Ubutumwa bwiza.” Ahubwo barabitoranyiriza. (Mana, gira imbabazi!) barabatoranya bagatora; iyo bamaze gucengerwa n'inyigisho zabo z'umwihariko babigishije, hanyuma bakabashyira mu itorero. Imana ntishobora kumukoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ndashaka kubwirizwa n'umuntu wahamagawe n'Umwuka Wera, Uw'Imana yahagurukije, atari uwatoranjwe n'abantu cyangwa amadini.

¹⁹ Ubumenyi bwose! ni ko bavuga bati: “Yooo, turabizi byose,” kandi bamwe muri bo ntibazi n'inyuguti ya mbere y'Umwuka Wera. Barayihakana.

²⁰ Binyibukije igitabo gito nasomye umunsi umwe muri Californiya, hashize imyaka icumi. Nagitoraguye mu bubiko bw'ibitabo bishaje. Nibagiwe uwacyanditse. Igitabo gito cy'ibice icumi gusa, ariko byari bifite ibisobanuro byiza kuri byo nubwo byasaga nkurwenya n'uburiganya. Ariko, nasanze hari ikintu cyarimo gisa nk'Imana, kuri njye. Kandi imwe mu nkuru nto yari irimo yatangiraga gutya. Umunsi umwe mu gitondo mu ruzitiro runini rw'inkoko, hari isake ntoya yatekerezaga ko ifite ubumenyi bwose bushoboka bwigeze kubaho. nuko iraguruka rero ihagarara hejuru yigisanduku itangira kugishonda n'umunwa wayo inshuro enye cyangwa eshanu, asubize umutwe wayo muto muto inyuma itangira kubika mu buryo budasanzwe utigeze wumva isake ibika.

Abandi, yarabahwituye agira, ati: “yemwe ba nyiri iki kiraro cy’inkoko, Ndashaka kuvugana namwe muri iki gitondo kuri gahunda nziza y’uburezi twateguye.” Ati: “Nasabye ubumenyi bwinshi mu myigire yanjye,” ubwo akurura utudarubindi twe duto hejuru ya fagitire. Na we ati: “Nahisemo ko inkoko dushobora kwiteza imbere k’ubumenyi bwinshi. Kubw’ibyoye, ndashaka kubabwira ko, turamutse ducukuye tukanakorera mu ruzitiro cyangwa umwobo, twazabona vitamene runaka izatuma tubika neza, tukagira amababa meza. Kandi, yemwe, nshobora kubabwira uburyo dushobora kwiteza imbere ubwacu mu buryo butandukanye.”

²¹ Kandi inkokokazi ntoya hamwe n’udusunzu twazo dutukura, zarikubise ziraseka ziravuga ziti: “mbese uyu koko si umukunzi wacu?” Kandi koko rwose zirayishimira ngo. “Yooo, ni isake nziza cyane!” Unyibukije bamwe muri ba babwiriza ba seminari. “Umugabo mwiza cyane! Ntibikenewe ko tumumanika hamwe n’inkoko zisigaye, twese tugomba kujyana na we.”

²² Ni byiza, mbere yuko mugenzi wacu arangiza ijamba rye, hari hari indi nkoko ntoya idafite amababa meza ashashagirana, iza yiruka ivuye mu zindi maze iravuga iti: “Bahungu, umunota umwe gusa! Njye numvise itangazo rihuruka kuri radio. Inkoko yazamutseho amasantime ane ku ipawundi rimwe, twese tugiye kubagwa ejo! Ubumenyi bwawe bwiza bugiye kumara iki?”

²³ Mwene Data, ubumenyi bwose dushobora kwegeranya, bumaze iki? Dufite intambwe nkeya z’ubutaka! Twese dupfaho santimetero k’umunota. Ubumenyi bwacu ntacyo buvuze. Turashaka Kumumenya. Ariko birakwiye.

²⁴ Nkuko nabivuze hashize igihe gito mvuze ku bijyanye n’inyoni ntoya, ikeka ko izi ubumenyi bwose ko ibyoye—ibyoye bigomba kumenyekana, kandi yari izi byinshi kuburyo yashoboraga kubwira izisigaye zose ibyerekeye abantu. Yagurutse rero ku kazu kayo maze itangira kuvuga ku kiremwa muntu, ibyoye yari ikizihoye byose. Kandi, mu buryo butunguranye, umwarimu wo muri Purdue aragenda, atangira kuyibwira amagambo yuzuye neza, na mugenzi we akubise amaso ahindukiza umutwe maze... Noneho, yari ifite amaso, ku buryo yashoboraga kubona mwarimu. Yari ifite amatwi, kuburyo yashoboraga kumwumva. Ariko nyine, ntiyari izi ibyoye avuga. Kubera iki? ifite ubwonko bw’inyoni. Ni ubwonko-nyoni gusa. Ibyoye ni byoye ifite gusa. Ntirabona ubwonko bw’umuntu, ntishobora rero gutekereza nk’abantu.

²⁵ Kandi nta muntu n’umwe ushobora gutekereza nk’Imana! Uri umuntu, kandi ubumenyi bw’isi yose ntabwo burenze cyane ubwonko bw’inyoni. Ibyoye byose, wikwihuza na yo gusa. Ugomba kugira ibitekerezo bya Kristo.

²⁶ Ni yo mpamvu abantu bajya mu mashyirahamwe, bagasimbuza guhana ukuboko bakabisimbuza kuvuka ubwa

kabili, baragerageza kwirengagiza kuvuka ubwa kabili. Ntibashaka kuvuka bundi bushya. Kandi bo—bazi ko tubyigisha muri Bibiliya, bityo bashaka kubisimbuza ikindi kintu. Kandi abantu b'abapentekote ni babi, bagerageza gusimbuza ikindi kintu! Babishakira mu mashuri. Igomba kuba ari byiza cyane, “Tuzahana ibiganza hanyuma tujye mu itorero, dusukwe amazi ku gahanga cyangwa tubatizwe,” cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Batinya kuvuka bundi bushya. Rimwe na rimwe ntekereza ko Urusengero rwa Branham narwo rutangiye kubitinya!

²⁷ Noneho, twese tuzi ko ukuvuka kose, tutitaye aho kwabereye, cyangwa aho, ari ho hose, aba ari umwanda. Niba umwana yavukiye hejuru yikirundo se, hasi, cyangwa mu cyumba cy'ibitaro gitatse amabara meza ya roza, ni umwanda, uko byagenda kose. Ukuvuka Kw'inyana, ukuvuka kw'ikindi kintu cyose, ni umwanda.

²⁸ Kandi kuvuka bundi bushya si ikindi uretse gusa umwanda! Ariko abantu bararemereye mu buryo bw'umwuka baragira bati: “Tuzigira hariya aho bahana ikiganza. Tuzajya hejuru aho badatobora bakarira, aho badakubita ku gicaniro kandi batavuzura induru.” Urashaka kuba umuntu cyane! Icyo dukeneye ni ukuvuka, na kwa gupfa, bitanga Ubugingo!

²⁹ Imbuto, ibirayi bishaje, ibirayi by'imbuto, fata icyo kirayi maze ugishyire mu butaka. Mbere y'uko mubasha kugira ibindi birayi bishya, cya kirayi gishaje kigomba kubanza kubora. Impeke y'ingano ntishobora kwera izindi ngano zitabanje kubora.

³⁰ Kandi umugabo cyangwa umugore ntabashobora kuvuka bundi bushya kugeza ubwo ubwenge bwabo no kwikunda muri bo bitabanje kubora, bidapfuye, mupfire ku gicaniro, muvuzura induru, muhinduke, aho muri kugeza ubwo ibyuya bibasohokamo, mukavuka ubwa kabiri kubw'Umwuka w'Imana. Sinitaye niba wihondagura hasi, uvuga mu zindi ndimi, usimbuka hejuru no hasi, urarama nk'inkoko uhonda umutwe wayo, urimo kuzana ubundi Buzima bushya! Ariko kuri yo twahasimbuje ikindi kintu, turashaka inzira zisobanitse, byanze bikunze.

³¹ Ejo bundi, kuwa gatanu, njye n'umugore twagiye mu bubiko. Ntabwo nshaka iteka kubigarukaho. Ariko ubwo twamanukaga mu muhanda, nakomeje guhindukiza umutwe ndeba hirya no hino, mbona abagore bambaye ubusa. Nari narasezeranije Imana nkiri impumyi, ko n'iramuka inkijije nzareba gusa ibintu bikwiriye. Kandi mbitse umusaraba muto umanitse mu modoka yanjye. Iyo mbonye nk'ibyoyi, ndeba umusaraba nkavugaga nti: “Mana, Ni wo Buhungiro bwanjye,” nuko nkitegereza umusaraba.

³² Nitegereje abo bagore. Meda arambwira ati: “Ntabwo twigeze tubona umugore n'umwe uyuhungira munsu wambaye ijipo.”

Na we arambwira ati: “Bill, reba uriya mugore hariya hamwe n’utuburuteri duto tuzengurutse umubili we,” ati: “urashaka kumbwira ko uriya mugore atazi ko ari bibi?” Ati: “Kandi niba atazi ko ari bibi, ubwo noneho yataye ubwenge.”

³³ Naravuze nti: “Ba uretse umunota umwe gusa, mukundwa. Ni Umunyamerika, akora ibyo Abanyamerika bakora.” Naravuze nti: “Nari muri Finlande vuba aha, mukundwa.”

³⁴ Nabajije ikintu umugabo aho ngaho maze anshyira hasi, Muganga Manninen. Twari tugiye kuri bwa—bwa bwogero bw’ubuzima, bita “sawuna,” barakujyana bakagusukaho amazi ashyushye, cyangwa amazi kumabuye ashyushye, bikakubiza icyuza gusa. Noneho bakaguha gusimbuka mu mazi ya barafu, hanyuma ugasubira hanze. Noneho bakakujyana mu cyumba, ahari abaforomo, abategarugori bakorakora abagabo (kandi na bo bambaye ubusa), hanyuma bakabasubiza muri pisine. Ntabwo ninjiyemo. Ndavuga nti: “Muganga Manninen, ibyo ni bibi.”

³⁵ Yaravuze ati: “Ni byo, Mugaragu w’Imana Branham, ibyo si byo. Noneho se byagenda bite ku baganga bawe b’abanyamerika bazambura umugore ubusa hanyuma bakamurambika ku meza, bakamusuzuma igitsina cye cyose—igitsina cye afite? hanyuma se abaforomo bawe mu bitaro bo babigenza bate?”

³⁶ Naravuze nti: “Mumbabarire, Mwene Data Manninen, Manninen, uvuze ukuri.”

³⁷ Ni iki? Ni ibintu bimenyerewe. Igihe nari i Paris sinashoboraga kubyemera, ariko hari aho banyara h’abagabo n’abagore ha rusange. Sinashoboraga kubyumva, ko ubwiherero bwari kuruhande rw’umuhanda buba bumwe ku bagabo n’abagore. Sinashoboraga kwizera ko iyo abagore bagiye ku mucanga kujya koga, bagenda umuhungu ari kumwe n’umukunzi we, nta byumba byo kwambariramo bafite, bakuragamo imyenda yabo yose kugeza k’uwanyuma, hanyuma bagahindukiza umugongo bambaye udukandara duto hanyuma bakajya koga, ariko ni ko bimeze. Ntibabyitayeho. Ni umuco w’Ubufaransa.

³⁸ Muri Afurika, abagore n’abagabo, abato n’abakuru, nta myenda namba, bagenda mu bibaya batyo. Ntabwo bazi na busa ubwiherero icyo ari cyo, cyangwa n’ibindi, cyangwa ngo bahishanye ubwambure. Ariko ntibazi itandukaniro. Ntabwo bazi kubitandukanya. Ariko ni imigenzo y’amahanga.

³⁹ Ariko naravuze nti: “Mukundwa, burya turatandukanye, dukomoka mu kindi Gihugu. Turi abahisi n’abagenzi hano, ni byo bituma ibyo bintu bigaragara nabi kuri twe. Kuri Bibiliya iravuga iti: ‘Abanga nk’ibintu nk’ibyo, ni bo, bagaragaza ko ari abagenzi n’abimukira, bashaka umurwa uzaza.’”

⁴⁰ Umugabo cyangwa umugore baba batuye mu Butaliyani, mu Bufaransa, muri Afurika, mu kindi gihugu icyo ari cyo cyose,

iyobavutse ubwa kabiri kubw'Umwuka Wera, ntibakora ibyo bintu. Ntibambara iyo myenda. Ntabwo bakora nk'ibyo, kuko bakomoka mu kindi gihugu Umutegetsi n'Umuremyi wacyo ni Imana. Twaturutse mu Ijuru. Umwuka uri muri wowe, uyobora ubuzima bwawe. Niba uri umunyamerika, uzakora nkuko abanyamerika babikora. Niba uri Umufaransa, uzakora nkuko Abafaransa babikora, kandi uzanenga abandi. Ariko niba ukomoka ku Mana, uzakora nkuko mw'ijuru bakora, kuko Umwuka wawe aturuka mu ijuru kandi arakuyobora.

⁴¹ Ikintu gito ushobora kurebaho. Mu Byanditswe Byera, abashakaga uyu murwa mushya, bakoraga ibintu bitandukanye. Bavuze ko ari abagenzi ndetse n'abimukira. Ariko kuruhande rwa Kayini, bahinduka impunzi ndetse n'ibygomeke. Ariko abakristu bari abasuhuke ndetse n'abimukira. Impunzi nta rugo igira, uwigometse we ni umuntu uteye ubwoba. Ariko umugenzi ni ikintu gifatika, ava mu Gihugu kizwi ajya mu kindi Gihugu, ugerageza gushaka inzira imugeza mu Rugo, abigaragaza mu buzima bwe ko afite ikintu akomora mu kindi Gihugu. Hariho impamvu.

⁴² Ariko nyamara abo bantu babikora, abo bantu bambara ibyo bintu, reka nkubwire. Muri Afrika yepfo, nabonye abanyamahanga ibihumbi mirongo itatu abakene, bambaye ubusa, ba kavukire. Abakobwa bafite imyaka cumi n'itandatu, cumi n'umunani, bafite imyaka makumyabiri, abahungu batambaye imyenda n'imwe, bahagaze hariya n'ibyondo mu maso yabo, kandi bashushanyijeho, bafite utugufa bacisha mu mazuru, hamwe n'uduti bashyize ku matwi, bakambara amagufa y'abantu cyangwa amagufwa amwe mu misatsi yabo, amenyo y'innyamaswa amanitse hejuru, bambaye ubusa uko bavutse ubwo bazaga mw'isi, kandi ntibabimenye. Ariko ubwo bakiraga Kristo, bakagwa bubamye bakakira Umwuka Wera, barahagurutse, barambura amaboko bafumbata igituza kubw'isoni bashaka guhisha ubwambure bwabo, bagenda, bashakisha imyenda yo kwambara. Kubera iki? Bari bahindutse abagenzi n'abimukira kuri iyi si. Haleluya! Bari bari kure Ye. Yego mugenzi.

⁴³ Oh, yego, aba bantu biyita Abakristo. Ni abayoboke b'amatorero. Baragenda baravuga bati: "Turi Abametodisiti. Turi Ababatisita. Turi abapentekote. Turi Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi. Turi *aba, na bariya, n'ibindi.*" Ibyo ntaho bihuriye. Umwuka wawe, ubuzima buri muri wowe, butera kandi bugaragaza icyo uri cyo. Yesu yaravuze ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo."

⁴⁴ Itorero ryabaye nk'uko Isiraheli yari iri, ku ntangiriro. Babonye ko amahanga yose yari afite umwami. Ariko bo Imana yari Umwami wabo. Kandi Babonye amahanga afite umwami, nuko bashakira gukora nk'amahanga, maze bigurira umwami. Nuko bamaze kubikora, baba bikururiye akaga. Buhoro buhoro

itangira kwinjira. Buhoro buhoro isi itangira kubacengeramo. Amaherezo birangirira kuri Ahabu. Umwami umwe waje yinyegeza gato gato, biza kurangira avanyemo ubuzima bwari muri bo. Barakomeza batyo. nuko ubwo Umwami nyawe yazaga, ntibamumenye.

⁴⁵ Ni cyo kintu kimwe itorero ryakoze. Ryemeye. Nuko bimeze. Ryemeje politiki, uburezi. Ryemeye amashyirahamwe, sosiyete, amatorero manini, abavugabutumwa b'icyubahiro kirenze. Kandi iyo Umwami nyawe aje, We ntibamumenya, kandi barimo kubamba Umwuka Wera ari nawe mwami wabo. Ntabwo bamuzi, ahubwo baramuseka kandi baramusebaya. Nkuko Abayahudi babigenje kuri Mesiya wabo, ni ko itorero riri kubikora kuri Mesiya. Ntabwo babizi. Ntibafite ubushishozi bwo mu Mwuka, kuberako bakururwa cyane n'ibyo barebesha amaso yabo, inyubako nini, bagerageza kwigereranya n'isi. Ntabwo dusabwa—dusabwa kwigereranya n'isi. Turasabwa kwicisha bugufi.

⁴⁶ Kandi, umuntu umwe abarirwa muri benshi, mu Mana. Kandi uyu muni mu bavugabutumwa bavuga ku bijyanye no gukiza indwara guturuka ku Mana, hariho ababiharirana nkabo, abarushanwa. Umwe ati: “Ni byiza, Imana ihimbazwe, mfite abantu ibihumbi byinshi. Nagize amateraniro manini kuruta ayo mfite.” Ni irihe tandukaniro? Twaba dufite umwe cyangwa miliyoni imwe, bitandukaniye he? Mbese turi abizerwa ku Mana? Turi abizerwa ku Ijambo ryayo? Mbese turihaganirana iyo turi mu yikigeragezo cy'umwuka wera? Mbese ni ko bimeze? Ni cyo kintu cy'ingenzi.

⁴⁷ Ariko Bibiliya dushaka kuyica ku ruhande. Benshi mu bantu bacu b'abapentekote, baca ku ruhande inyigisho fatizo z'iyi Bibiliya, bazumvikanaho. Hariho. . . Sinshaka kugira uwo nkomeretsa. Ndi mu itorero ryanjye bwite, kandi ndumva ko ari njye—njye nshobora gukora ibyo, mu itorero ryanjye, kuko mbwiriza Ubutumwa bwiza. Ariko hariho ibihumbi icumi by'abavugabutumwa b'abapentekote bazi ko muri Bibiliya nta kintu nk'icyo cy'umubatizo mu izina rya “Data, Mwana, Umwuka Wera gihari.” Mpinyuje musenyeri mukuru, cyangwa umuntu uwo ari we wese, wanyereka aho byibuze umuntu umwe yigeze abatizwa mw'izina rya “Data, Umwana, n'Umwuka Wera.” Ariko babyemeranyaho, kuko ayo madini yabo yabikoze. Nta muntu n'umwe mu Isezerano Rishya, kandi mu myaka magana atatu yakurikiye, ukurikije amateka, wigeze abatizwa mu bundi buryo uretse gusa mu Izina rya Yesu Kristo. Niki? Idini. Ni ryo ryakoze ibyo. Rihindagura ibintu!

⁴⁸ Uyu muni kandi bakuyeho ko abakozi bose bahamya Imana mu muhanda ku muhanda. Bakuyeho ingoma zikubitirwa mu itorero. Bakuyeho icyubahiro cyose mu itorero, bagira ibibwiriza bya seminari ibibwiriza by'abahanga bafite imvugo igoroye, bose bavuga iby'umvikana neza muri rubanda, n'abagore babo

bambaye ikabutura n'amakanzu afashe ku ruhu rw'umubiri, n'abagabo banywa itabi, no gukina urusimbi no kuvuga amagambo y'urwenya. Biteye isoni imbere y'Imana! Nzi ko ibyo bitoroshye, ariko igihe kirageze ngo umuntu agire icyo avuga. Kugambanira ijambo, kudakomeza icyo ufite, gukora nk'isi!

⁴⁹ Ntacyo bintwaye nubwo nasigara nnyenyine, ariko ngasigarana n'Imana yonyine, Nzamamaza Ukuri kwa Bibiliya y'Imana kandi nzahengamira ku ruhande rwayo. Nimpfa, nzakomeza guhagarara ku kuri. Rwose. Turashaka Ukuri. Ntabwo nzigereranya nkurikije itorero, ahubwo nzigereranya nkurikije Ijambo ry'Imana nziringaniza na ryo.

⁵⁰ Ariko Delila, wamubonye? Yari azi ko Samusoni yari afite imbaraga. Kandi ntabwo yari azi aho izo mbaraga zituruka. Ntiyashoboraga kumenya izo mbaraga icyo ari cyo, ariko hariho imbaraga zikomeye Samusoni yari afite, kandi yashakaga kuzimenya. Kandi, nka Delila, yakomeje kureshya Samusoni akoresheje ubwiza bwe. Yewe, yari yiyambitse n'ubusa bushukana. Nuko anyura imbere ye yisekesha byo kumureshya nka bimwe by'abasore b'ingimbi b'abangavu b'ubu, ni—n'ibindi, kandi yashakaga gukora nk'ikindi kintu, cyamureshya, cyagerageza gukururira Samusoni kuri we.

⁵¹ Ni cyo kintu kimwe isi yakoreye itorero. None se ubu Imbaraga zanyu zikomeye ziri he?

⁵² “Ni byiza, mu gukora idini, ibyo bica Imbaraga.” Kiliziya Gatolika yarabikoze.

⁵³ “Ariko Abafilisitiya bakuriho wowe, Samusoni.” Nuko Luther arasohoka.

⁵⁴ Hanyuma barongera barisuganya. “Uramutse umpambirije undi muguzi, uko waba unshoboye.” Nuko barabikora.

⁵⁵ “Abafilisitiya bakuriho wowe, Samusoni.” Byagenze bite? Wesley arasohoka acagagura imigozi.

⁵⁶ “Noneho waranyobeye rwose. Ntuzi ko ngukunda, Samusoni? Ni byiza, mbwira ukuri ko mu mutima wawe.”

“Ni byiza, umpambiriye n'undi muguzi.”

⁵⁷ “Ni byiza, ibyo ni byo tuzakora.” Ni iki? Nguwo umuguzi w'amadini.

⁵⁸ “Reka nidegembye, kuko ntagira idini. Noneho, Reka mbabwire, muzampemukira.” Sohoka rero haje abapentekote. Imbaraga zawe ziri he?

“Abafilisitiya bakuriho.” Yongera gucagagura imigozi.

⁵⁹ Ariko none byagenze bite? Ibyo byageze ku bapentekote, Bafite abahanga b'abapasiteri bakomeye mu bya tewolojiya, abantu bakomeye. Bafite amashuri menshi n'imihango nk'abametodisiti cyangwa ababatisita, cyangwa undi wese. Iyo winjiye mu rusengero ntushobora kumva na “amina,” n'imwe

baba bakonje nk'itsinda ry'impunyu zo mu mashyamba yo mu majyaruguru y'isi. Bakonje! Ntacyo bitayeho! “Noneho rero Abafilisitiya baragusumiye, Samusoni.”

⁶⁰ Abafilisitiya baragusumiye, Amerika. Ubumwe bw'Umwuka burihe? Ubumwe bwa Pentekote burihe? Amateraniro y'Imana, n'ab'Itorero ry'Ubumwe, n'Itorero ry'Imana, *n'ibi*, na *biriya*, hamwe n'ibindi, buri wese afite umuhango utandukanye, uyu hamwe n'*uriya*, hamwe n'iki na *kiriya*. Turatandukanye cyane kugeza igihe ushobora kujya mu muji gukora amateraniro y'ububuyutse, niba uri uw'iri torero ayandi ntazaza, abasigaye ntibazitabira. Abakomunisiti baragusumiye, Amerika.

⁶¹ Imbaraga zacu ziri he? icyubahiro cyacu kiri he? Ni iki? Kuberako twakurikiye ubwenge bw'umuntu aho kuba Imbaraga z'Imana! Kubera iki, babonye ababwiriza bacu none ibintu birakomeye kandi biruzuye, kugeza igihe badusuganyirije kugeza igihe tubereye ebanyanteye nke binangiye, Ndetse kugeza n'aho abantu... Mbese hari ubwo wigeze wumva akaruru mu itorero? Ntushobora kumva umuntu arira. Intebe yo kwihaniraho yaramanuwe ishyirwa muni y'ubutaka. Nta cyubahiro kikibaho mu itorero. Ibyo dukora byose ni ukwicara inyuma nkuko bishoboka. Ntabwo dufite umudendezo. Turahambiriye. Shitani, hamwe nabadayimoni be b'ibigezweho, bahambiriye itorero ry'Imana nzima. Ni byo. Nta mbaraga zikiriho mu itorero. Nta bwisanzure bukibaho. Abantu bafite intege nke mu Mwuka ntibashyiguka! Kubera iki, Imana ishobora kuza hagati y'abantu ba pentekote, maze ikigaragaza ko ari Imana, kandi ikagaragaza ibimenyetso by'izuka rye, kandi ibyo nta n'ubwo bigira icyo bibatwara. icyubahiro kibe icy'Imana! Kubera iki, biteye isoni! Ntembera mu gihugu cyose, Imana irakora, igaragaza ibimenyetso, kandi abantu bagatuza, kandi, “Ni byiza, ndakeka ko byose ari byiza. Yego, nzi ko bishobora gukorwa.” Ntabwo ibimura! Kubera iki? Bahambiriwe na Delila, isi. Bari ku ngoyi.

⁶² Noneho baranabinjije, babahambira muri federasiyo. “Abafilisitiya barikuri hejuru wowe, Samusoni.” Ni iki ugiye gukora kubijyane na byo?

⁶³ “Yoo, dufite amadini akomeye.” Ni byo. “Dufite abanyamuryango benshi kuruta abo twigeze kugira.” Ariko Umwuka ari he? Umwuka Wera ari he?

⁶⁴ Ni byo satani yakoze. Yaroshywe mu itorero. Yakomeje gushuka itorero agira ati: “Ngwino, nzaguha urusengero runini hano hejuru nuramuka ukoze *ibi*. Nuramuka ukuyeho uwo mubwiriza w'icyamamare ufite, ukagira umugabo, w'Umuhanga mu by'Iyobokamana ni byo bizaba bifite icyo bisobanuye, tuzubaka itorero ryiza ryo hambere kandi tuzamera nk'abandi bese.” Biteye isoni kuri mwe! ikiruta ni ukugira umugabo utazi

gutandukanya ikawa n'ibishyimbo, ariko yuzuye Umwuka Wera, ibyo ntibyabangamirwa, n'Imbaraga z'Imana.

⁶⁵ Ariko bari mu ntege nke cyane, yewe, bikabije, ku buryo umuntu ashobora kubinjirana mu materaniro akavuga mu ndimi, cyangwa gusakuza gato, cyangwa gukora ikintu runaka, hanyuma abasigaye bese bagahindukizwa no kukureba. “Ibyo ni ibiki? ni ukuri, ndibaza impamvu yabyo? Ibyo bigomba kuba ari umufana wamanutse aturutse ahantu runaka.” Uzi ko ari ukuri! umukiranutsi w'umukene akinjira, akanezerwa bihagije maze akazamura amaboko, akarira ahimbaza Uwiteka, hagara umuntu urangurura ijwi cyane ati: “amina” ku kibwiriza cy'ubutumwa bwiza, abasigaye bagahindukizwa no kureba ibyo yavuze. Ngabo abapentekote. Ikibazo ni ikihe? Urimo gufatira urugero ku Bametodisite, ku Batisita; nabo bafatira urugero ku ba Gatolika; Gatolika igafatira urugero ikuzimu. Kandi, bese hamwe, bagafatira urugero i gehinomu! Ni ukuri.

⁶⁶ Delila yatumye wemera amatorero manini, abakozi beza, abakozi bize, urwego rw'abantu basobanutse. “Ni byiza, urabizi, *ibi-na-biriya* hano hepfo hari umuherwe, niba twamushaka gusa ngo yinjire mu itorero ryacu! Yooo, bagenzi banjye!” Niba atavutse ubwa kabiri, ntabwo akwiriye kuba ahari. ntabwo nitaye ku kuba yaba afite miliyoni y'amadolari. Niba afite za Cadillacs mirongo ine, ibyo yaba atunze byose, agomba kuvuka ubwa kabiri, agaca bugufi akavuka bundi bushya kandi agahindurwa bushya n'Umwuka Wera, hanyuma asohoka uvutse bundi bushya, agona (mumbabarire), arira no gutaka, ndetse akomeza kubigenza nkuko abandi babikora, kandi akabaho ubuzima bwe kugira ngo agaragaze ko amufite. Amina. Ni byo mukeneye.

⁶⁷ “Samusoni, Abafilisitiya baragusumiye.” Abakomunisiti bakuri hejuru. Isi ikuri hejuru. Satani akuri hejuru.

⁶⁸ Baraza bakabona Umwuka w'Imana akora neza ibitangaza n'ibimenyetso akanakora ibintu by'izuka rye, ibyo Yesu yasezeraniye, baravuga bati: “Urabizi, ngira ngo noneho mwene Data Branham yacanganyikiwe mu mutwe. Pasiteri wanjye yavuze ko ibyo ari ibya satani.”

⁶⁹ Wa mutindi we, indyarya, utarakebwe wibeshya, mwese mwararangiye, mwa mpyisi mwe mwambaye uruhu rw'intama! Yesu yaravuze ati: “Iyo uza kumenya, wari kumenya umunsi wanjye.” Ariko ufite agatsiko ka Sawuli kagerageza kugukundisha isi yose.

⁷⁰ Turashaka agatsiko k'abantu b'Imana badatezuka ku Ijambo, ariko ni mwamamaze Ukuri kandi mukomere k'umubatizo w'Umwuka Wera.

⁷¹ Ariko isi yakoze iki? Yogoshe imbaraga zawe zose. Wavutse uri Umunaziri, Umupantekote, ariko rwose isi yogoshe Imbaraga zawe. Noneho ni ibisanzwe nk'abandi bese.

⁷² Tugiye gukora iki? Bizagenda bite? Hariho ikintu kimwe cy'icyubahiro nshobora gutekereza kubwo kurangiza iyi nyandiko.

⁷³ Mugihe Samusoni yari aboshye! Ntidushobora kugira ububuyutse. Nimwumve mwene Data mwizerwa, Billy Graham aragira ati: "Ububuyutse muri iki gihe cyacu!" Ni mwumve Oral Roberts aragira ati: "Ububuyutse muri iki gihe cyacu!" Umva ahasigaye ni, "Ububuyutse muri iki gihe cyacu!" Ni gute dushobora kugira ububuyutse mu gihe tuboshye? Twahambiriye Umwuka Wera, n'amadini n'imigenzo yacu, none ntidushobora kugira ububuyutse bw'Umwuka Wera. Amina. Nzi ko hashyushye, hari ikirere cy'ubushyuhwe, ariko ni Ukuri. Ni gute dushobora kugira ububuyutse bw'Umwuka Wera mu gihe muboshye kandi muri mu ntege nke! "Uburyo bwo kubaha Imana," ni ko Bibiliya ivuga. "Uburyo bwo kubaha Imana, ariko buhakana Imbaraga zayo." Imbaraga z'iki? Imbaraga z'idini? Imbaraga z'isi? Imbaraga z'itorero? Imbaraga z'Umwuka Wera! Aho niho hari ibanga itorero ryihishemo. Kandi iyo itorero ryakiriye ababwiriza bize, n'inyubako nini n'imitako, mu cymbo cy'Umwuka wera wo hambere, byaba byiza twongeye kuba mu butumwa. Amina. Ni ukuri. Ni gute uzagira ububuyutse bw'Umwuka Wera, abantu bakawuzimya bakawuhambira hanyuma bakawutinya? Aho ni ho hari ikibazo.

⁷⁴ "Abafilisitiya bakuri hejuru." Ariko ibyiringiro bimwe dufite, nuko mu gihe Samusoni yari muri gereza . . .

⁷⁵ Ni ikihe kintu cya mbere bakoze ubwo bamufataga? Babanje kumuboha. Bamwambuye imbaraga ze, bavumbuye ibanga rye. Bamenye ibanga ryawe. Isi yamenye ibanga ryawe. Noneho mwaba bagore mwe mukata umusatsi wanyu, bisa nk'isi. Mwa bagabo mwe mugenda mukora nk'isi. Ni byiza, muvuga urwenya n'amagambo yo gusetsa y'umwanda, hanyuma mugasohoka mukanywa ku itabi, hanyuma mukiruka hamwe n'abagore babaturanyi, n'ibindi byose nk'ibyo, munywa ikirahuri gito cy'ubusabane kugirango mujye ku kazi. Nahitamo kuryama nubitse inda nkarya umugati wumye nkanywa n'amazi buri buri, ariko nkagumana gukiranuka kandi nera imbere y'Imana, kuruta guteshuka kubikorwa byose. Ni byo. Ni ukuri. Komezza kuba indahemuka ku Mana.

⁷⁶ "Samusoni, Abafilisitiya baragusumiye." Rusengeru rwa Branham, isi irabinjiranye hagati muri mwe. mwakoze iki? Mbese aho ntimwashyize ibanga ryanyu ku mugaragaro? Mwashyize ahagaragara ibanga Imana yabahaye mu gihe mwari mwikinze hariya mu mwanda w'isi mu myaka mike ishize? Mwaba mwaramuretse akigendera agasimburwa no gusenga bya kiryango, byo guhimba? Mbese byakugendekeye bite? Imana ishobora kumanuka igakora igitangaza ikamanuka ikanyura mubateze amatwi bose kandi ikabwira abantu amabanga yo mu mitima yabo, n'ibindi byose, kandi igakiza

abarwayi n'abababaye, igakora ibimenyetso n'ibitangaza, kandi ikabwiriza Ijambo ryayo, kubw'Umwuka Wera; abantu bakavuga bati: "Ni byiza, ndakeka ko ari byo rwose. Twishimiye kuzajya tubyumva rimwe na rimwe, niba tutananiwe cyane." Iryo ni itorero rya Branham. Abafilisitiya bakuri hejuru.

⁷⁷ Ubwo bavuga ngo, kera iyo Ijambo ryabwirizwaga, abera bo hambere bagiraga amarira mu maso, barahagurukaga maze bakagenda, barira, yenda se batavuga, bigendera gusa, inshuro ebyiri cyangwa eshatu, hanyuma bakicara, babaga buzuye Umwuka Wera! Ijambo ryabagaburiye! "Umuntu ntazashobora kubaho atunzwe n'umugati wonyine, ahubwo n'Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana." Abafilisitiya bakuri hejuru, wowe torero rya Branham.

Abafilisitiya bakuri hejuru wowe, Pantekote.

⁷⁸ Ni ko bimeze, Abafilisitiya babaguye hejuru mwebwe kera cyane, mwebwe abasigaye, ubwo mwriteguraga cyane, kuburyo nta kintu gishobora kubinjirana keretse gusa ubaye Umuperesibiteriyeni, Umubatiza, Metodiste, Umugatolika, cyangwa ikindi kintu. Ntabwo wagira icyo ukorana n'abandi basigaye.

⁷⁹ None rero, ububutse muri iki gihe cyacu? Ni gute dushobora kubugira mu gihe igitanga ububutse kibohewe mu isi? Imana ntizinjira aho isi iri, nushaka ushingire kuri ibyo. Nusaya mw'isi, icyo gihe byose—byose biba birangiye. Iyo uretse isi ikinjira muri wowe, usigara ukora nk'isi, icyo gihe biba bikurangiranye. Ariko mu gihe uzaca iminyururu yose y'isi, hanyuma ukaza ku Mana, Imana izagukoresha kugeza igihe uzongera gukundana.

⁸⁰ Dore ibyiringiro byonyine mfite muri iki gitondo, kubwo gusoza Ubutumwa bwanjye, ni ibi, "Mugihe Samusoni yari aboshye, umusatsi mushya warongeye urakura."

⁸¹ Mana twohereze irindi torero mbere y'igihe cy'imperuka, kugirango Imbaraga z'Umwuka Wera zishobore kuryinjiramo, mu kugaragara k'Umwuka kuvugwa, muri Mariko 16 ko kuzakurikira Itorero, Ibyakozwe 2: 4, Ibyakozwe 2:38, byose hamwe bizaba bijyana neza n'itorero. Ibimenyetso n'ibitangaza byaherekezaga intumwa. Ibimenyetso bikomeye by'izuka rye byarabaherekezaga. Mu gihe turi muri gereza, rwose Imana iri gukuza umusatsi wacu ahantu runaka, mbere yo kujyanwa bwa nyuma kwicwa. Byaba wowe, nshuti yanjye mukristo uri hano muri iki gitondo, reka ube uwo imbaraga ze zatangiye gukura. Ndasenga ngo Ubu butumwa muri iki gitondo, na hose aho ubu butumwa buzagera, Nizera ko ubu Butumwa buzafasha kuzana vitamene mubyo twubatse ari byo bizazana Imbaraga z'Umwuka zisubire mu buzima bwanyu.

Reka twunamishe imitwe dusenge.

⁸² Yoo Mwami Mana, Umuremyi w'ijuru n'isi, Umwanditsi w'ubuzima bw'iteka, wowe utanga impano yose nziza

y'umwuka, fata aya magambo muri iki gitondo uyashyire mu mutima, uyuhire, Mwami. Abantu basengere ibyo bintu, babone ko isi yayobye kandi ko itorero amahezo ryabonye Imbaraga zaryo, yabonye ahantu haryo hatuje, yabonye ahantu hari ibanga ryaryo, nuko iraryogosha. Yafashe abantu bigeze kuririmba intsinzi, bigeze gutsinda, nuko irabogosha, kuburyo baguma mu rugo k'umugoroba wo kuwa Gatatu birebera gahunda ya tereviziyo. Bakura umunezero mu mitima yabo, kandi bakibanda ku birangaza by'isi kuruta uko bakunda Imana. Yabahaye ku by'isi byinshi, ku bw'isi, no kwifuza ukwidagadura kw'isi kuruta uko bagira ku kibwiriza cy'Ubutumwa bwiza. Niba nta tsinda rinini ry'abaririrmyi n'ibindi byo kubashimisha, kubashagurutsa no kubarangaza, ntibaba bagishaka Ubutumwa Bwiza bwa kera, ukundi, buzana amarira y'ibyishimo ku bugingo, bugarura gukira indwara guturuka ku Mana, itanga impano z'intumwa ku itorero, izana Kristo wazutse, Mesiya w'uyu muni.

⁸³ Ariko nkuko Isiraheli yari iboshywe—n'abami babo, ko badashobora gukurikira Umwami nyawe; n'Umwami nyawe, ubwo yazaga, ntibamumenye. Ni ko bimeze no muri iki gihe. Yoo Mwami, Umwami w'icyubahiro yagaragaye mu buryo bw'Umwuka Wera, kandi, Mwami, ntibabizi. Ntibabimenya. Barateguwe neza, ku buryo batabyumva, kuko ntabwo biri mu madini yabo. Mwami, uyu ni umurimo wa satani yakoreye abantu.

⁸⁴ Reka Samusoni w'Imana, reka abakiranutsi mu mutima yabo, abifuza kurira, no kwinginga no gukomeza, ni bashikame na Yo, Mwami, kugeza uyu musatsi mushya umaze kumera ugakura, kugeza igihe hazongera kubaho umunezero muri Siyoni, hakabaho itsinda rishobora kumenya no gusobanukirwa, ibyo bishobora kugaragaza Mesiya hamwe n'imbaraga zihishe zihishe mwisi, ko batazumva na n'ubu. Bibahe, Mwami, babibone. Kuko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

[Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—
Ubwanditsi.]

. . . imbaraga nonaha,
Mwami, ohereza imbaraga nonaha Mwami,
ohereza imbaraga nonaha
Kandi ubatize buri wese.

Bari bari mu cyumba cyo hejuru,
Bose bari bunze ubumwe,
Igihe Umwuka Wera yamanukaga
Ibyo byasezeranjwe n'Umwami wacu.

Yoo Mwami, ohereza imbaraga zawe nonaha,
Yooo Mwami, ohereza imbaraga zawe nonaha;
Yooo Mwami, ohereza imbaraga nonaha
Kandi ubatize buri wese.

⁸⁵ Mbega ukuntu mukunda! Yohereje imbaraga ze gusa! Bari mu cyumba cyo hejuru bahuje, bose hamwe. Isi yose yari yarabavuyemo. Barabaye ubusa, nuko Umwuka Wera araza.

⁸⁶ Uyu muni baravuga bati: “Ngwino, winjire mu itorero, shyira izina ryawe mu gitabo. Cyangwa wuname uvuge uti: ‘Natuye Kristo nk’Umwana w’Imana,’ hanyuma uhaguruke.” Satani nawe akora nk’iby. Rwose. Satani nawe yarabatijwe ubwo Yuda yabatizwaga. Satani nawe yaragiye ajya kubwiriza Ubutumwa bwiza igihe Yuda yasohokaga akajya kubwiriza Ubutumwa bwiza. Ariko satani ntiyabonye Umwuka Wera. Ni byo. Dore aho ni ho hahishe Imbaraga, umu muzuko, icyo gihamba ndakuka, kizira gushidikanya. Amina.

⁸⁷ Ari hano. Uwo Mwuka Wera, Wa wundi wari kuri Mesiya, ni we ukiri ku Itorero rye. Ntajya arivaho. “Nzabana namwe iminsi yose, ndetse nzaba no muri mwe, kugeza imperuka y’isi. Nzaba mpari. Imirimo nkora, namwe muzayikora. Ndetse muzakora Ibirenze, kuko ngiye kwa Data.”

⁸⁸ Ariko isi irabivuguruza, “Yoo, ngo ibyo ni iby’iminsi yashize!” Gusa ibyo ni byo satani ashaka ko mukora. Bashaka ko mwishimisha. Imana yo ishaka ko mubatizwa. Imana irabashaka... Muravuga muti: “Yooo, ntabwo nizera imyitwarire nk’iyo.” Komeza kandi wibere mu byaha, komeza kandi ubeho mu byaha byawe, ubeho mu byaha byawe. Ariko kugeza ubwo uzapfa ku byaha, kugeza ubwo uzapfa ku kubitekerezo byawe, kugeza upfuye kumyambarire yawe, hanyuma ukavuka ubwa kabiri ukavuka ubwa kabiri, kandi ko Ubuzima bushya buzaba butandukanye rwose n’ubwaguye hasi.

⁸⁹ Imbuto y’ingano ijya muni y’ubutaka ikazamuka ari umuhondo, ikazamuka ari icyatsi kibisi. Injya mu butaka ikomeye cyane, ifunze, ikazamuka yoroshye kandi ihuhwa n’umuyaga. Oh, icyubahiro kibe icy’Imana! Haleluya! Iyo umuyaga utangiye guhuha, ingano nta kindi ishobora gukora usibye gusa kunyeganyega, ijya hirya no hino, ariko buke— buke iyo mbuto iragondora igakura maze ikishima, nuko igakomera, ubwayo. Ntishobora na rimwe guhinduka urugemwe mu gihe imbuto yatewe itarapfa ngo ibore. Ntabwo ari ugupfa gusa; ahubwo no kumera. Ntishobora kugaruka ukundi, ariko ubuzima buyisohokamo.

⁹⁰ Nkuko nabivuze mu mwanya muto washize, kuvuka ni ikintu giteye ubwoba, umwanda, umwanda, umwanda gusa gusa, ariko aho ni ho ubuzima buba buri. Iyo umenye ko ufite umwanda, ugategereza ku myizerere yawe ya Kimetodisite, Kibatisita na Gipantekote by’umwanda, hanyuma ugapfira ku gicaniro, aho ni ho Ubuzima bushya bwinjira. Umwuka Wera agushyira hejuru y’iby; urabona Imana.

⁹¹ Tuzamubona We k’umuni w’icyubahiro. Umuni umwe urenze imigenzereze yose y’urupfu, tuzamubona We.

Urabyizera? Umunsi umwe urenze imigenzereze y'urupfu, aho ngaho hahebuje hantegereje ejo.

⁹² Nari mpagaze hano ku mfuruka ejo nijoro, ntekereza ko nabonye umwana muto Rabbi Lawson. ubwo aheruka hano ubushize yari amenyereye kunkuruza inkoni ye ikuze ayinkoza ku bitugu, mu ijosi, hejuru hano kuri ku gicaniro, maze aririmba iyo ndirimbo ngo, "igitondo cyiza kirantegereje..." [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]...?...

⁹³ Ikintu cyabaye! Ibyo byasohoyemo isi. Ntangiye kubona ibintu mu buryo butandukanye. Nahangayikishijwe cyane n'uburyo aba Banyamerika bakora, buri gihe, uko umwaka ushize n'uko undi utashye, mbona abagore n'abagabo uko bitesha agaciro bakishora mu byaha, kugeza igihe nagize ikibazo kintsha umutwe, inshuro ebyiri cyangwa eshatu, mpangayikishijwe na cyo. Ejo, nabwiye Imana nti: "Sinzongera guhangayika ukundi. Ijambo ryawe ryavuze ko ari ko bizamera. Ariko nzahagarara mu cyuho ndangururira kubirwanya, hamwe n'imbaraga zanjye zose."

⁹⁴ Ejobundi, nari mpagaze kuri Green's Mill, ubuvumo bwanjye, nsubira mu butayu, nsenga umunsi wose. Ahagana mu ma saa cyenda, izuba rirenze, kandi nari mpagaze aho ndeba hirya, nsohoka mu buvumo, hejuru y'urutare runini. Nuko nari mpagaze aho, ndeba iburasirazuba, nsingiza Uwiteka. Kandi nabonaga izuba rimanuka inyuma y'ibiti hejuru y'umusozi, nkuko narebaga hakurya y'umusozi wa Canyon mu kindi cyerekezo haruguru, hari hari ibibabi byinshi, bishoboka. Nuko ndavuga nti: "Nyagasani, umunsi umwe wahishe Mose mu buvumo bw'urutare, umutambukaho, kuko yari ananiwe. Ariko waratambutse, hanyuma aravuga ati: 'cyasaga n'umugongo w'umuntu.'" Nдавуга nti: "Mpisha mu buvumo bw'urutare, Mwami." Nk'icyo gihe, hejuru kuruhande rwanjye, haza Umuyaga muto umanuka mu mashyamba. Muri ako kanya, iruhande rwanjye iburyo haje Umuyaga umanuka mu bihuru, ukomeza umanuka hepfo mu mashyamba. Nari mpagaze aho.

Umunsi umwe, Imana yonyine ni yo izi gusa
aho hantu aho ari ho n'igihe icyo ari cyo,
Inziga z'ubuzima bupfa zose zizahagarara,
Noneho nzigira gutura k'umusozi wa Siyoni.

Umunsi umwe urenze ubushobozi bw'umuntu
upfa,
Umunsi umwe, Imana izi gusa aho ari ho
n'igihe icyo ari cyo,

Bizagenda bite? Agiye guhagarika, inziga zose nto zikaraga.

Inziga z'ubuzima bupfa zose zizahagarara,
Noneho tuzigira gutura k'umusozi wa Siyoni.

Manuka gare, gare ryiza,
Ngwino unjyane imuhira;

Manuka gare, gare ryiza,
Ngwino unjyane imuhira.

Niba ugezeyo mbere yanjye,
Ngwino unjyane imuhira;
Ubwire Mwene Data Bosworth, n'inshuti
zanjye zose, nazo,
Ngwino unjyane imuhira.

Noneho manuka... (Umunsi umwe
rizamanuka rije kunjyana)... igare,
(Igiti cyose kizaba cyaka; Abamarayika
b'Imana, ndetse n'amagare y'umuriro)...
kugira ngo anjyane Imuhira;
Manuka gare, gare ryiza,
Uze unjyane imuhira.

⁹⁵ Umunsi umwe muri iyi minsi, umwe muri iyi minsi mu gice gito cyamasaha y'urupfu rwanjye, ntegereje ko We aza. Ni byo.

Narebye hakurya ya Yorodani mbonayo iki
Aje kunjyana imuhira; (Nk'umusaza Eliya
ureba witegereza hakurya ya Yorodani.)
Itsinda ry'abamarayika beza baza
bankurikiye,
Bazaga kunjyana Imuhira.

Manuka, wegere hasi, gare ryiza,
Ngwino unjyane imuhira;
Manuka, gare ryiza,
Uze unjyane imuhira.

⁹⁶ Mwami Yesu, Umuyobozi w'umugisha w'iri gare, Umuderevu mukuru w'ubu bwato bw'i Siyoni, ubwato bw'ubugingo, arimo kugendagenda mu nyubako, ari kumvikana, Kugaragara kwe kuri hano. Umwuka Wera wenyine wamuzuye mu mva ari hano.

⁹⁷ Kuba batatanze amakarita yo gusengerwa, hano haba hari umuntu uturuka hanze y'umujiyi, ntazi, ushaka gusengerwa? Zamura amaboko yawe, ibyo simbizi. Zamura amaboko yawe, ntabwo nkuzi. Wowe, wowe uri hariya. Nizera ko uriya musore muto ufite ubwanwa yagarutse hariya, hari umuntu uzamuye ukuboko hariya muri kiriya cyerekezo. Yego, wowe, wazamuye ukuboko? ni byiza. Garuka hariya, mugenzi. ni byiza. Mwese abatanzi? Uwo Mwami Yesu, Umwungeri umwe rukumbi w'umukumbi hano, mbese wizera ko amasezerano ye ari ay'ukuri? Yasize amavuta Itorerero rye, kandi "Imirimo nkora, namwe muzayikora. Muzakora ibiruta ibyo, kuko njya kwa Data. Ibirenze ibi!" Murabyizera?

⁹⁸ Wazamuye ukuboko ko utanzi? Wizera ko Imana ishobora kumbwira ibiri mu mutima wawe, ko ishobora kumvugisha nkuko yabigenje kuri wa mugore wakoraga ku myenda ye? Wizera ko ari Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho no

kumva intege nke zacu? Niba Imana impishuriye imiterere yawe, uranyemera ko ndi umuhanuzi wayo, izere ko Kugaragara kwe kuri hano ni yo mpamvu We abyemera? Urimo gusengera umugore wawe. Afite imvune mu kwaha, ukwaha guhanyutse. ibyo ni ukuri. Niba ari byo, haguruka. Ni byo, genda umurebe, ni byiza. Amina.

⁹⁹ Bite byawe se wowe uri gusubirayo, mugenzi wawe uriya wari uhagurutse, ufite ubwanwa? Wizera n'umutima wawe wose? Wizera ko Imana ishobora kumbwira ibibazo byawe? Wizera ko umuhungu wawe aza gukira neza? Urabyizera? Kubona umwana w'umuhungu, afite ubumuga bwo mu bwonko. Ni byo. Nturi. . . Bikomoka muri Kentucky. Niba ari byo, zamura ukuboko kwawe. Si nkuzi, si byo se? niba ari ko bimeze. . . zamura ikiganza cyawe nka *gutya*, ntabwo tuziranye. Ibyo ni ukuri. Kwiringira Imana. Urizera? Nkuko ubyizera, akira umuhungu wawe muzima nkuko ubyizera. Gusa mutware k'umutima wawe.

¹⁰⁰ Ninde uri hano wazamuye amaboko, agaragaza ko nta—ntabikoze. . . Yari wowe? Ni byiza, Mwami, uranyizera ko ndi umuhanuzi w'Imana? [Umugabo ati: “Amina.”—Ubwanditsi.] Urabyizera, n'umutima wawe wose? Si ngombwa ko uhaguruka, ihagararire hano. Ni byiza, wa muntu we, ikibazo ufite, ni uko urwaye diyabete. Kandi urababara ikirenge. Uturutse muri Ohio. Izina ryawe ni Bwana Miller. Subira mu rugo wakire gukira. Ni byiza, izere n'umutima wawe wose. Ni byiza.

Urizeye hamwe. . . ? Byizere. Iyaba warushoboye kwizera!

¹⁰¹ Umutegarugori wicaye hano, wazamuye ukuboko? Umutegarugori munini, w'amadarubindi, Urizeye n'umutima wawe wose? Urizeye hamwe. . . Uranyizera ko ndi umugaragu w'Imana? Uranyizera? Ni byiza, niba Imana ishobora kumbwira ikibazo cyawe, uraza kubyemera? Ufite ikibazo cy'umutima. Ni byo, zamura ukuboko niba ari byo. Byiza cyane.

¹⁰² Umudamu uri hano iruhande rwawe, yazamuye. ni ikibazo cy'Umutima; ariko muby'ukuri ni amaso yawe. Ndamuzi. Ni byiza, niba ushobora kwizera!

¹⁰³ Tugarutse hariya, umugabo ukurikira wagarutse afite ikibazo cy'umutima, kandi nabwo, afite n'indwara y'uruhu. Wizera ko Imana iza kugukiza? Urabyizera, mugenzi?

¹⁰⁴ Hano hari umugabo wicaye hariya inyuma, yazamuye amaboko ibyo ntabwo. . . Bwana Schubert. Byose bimeze neza, mugenzi. Ni byo, urizera? Ni kubw'amaso yawe, kandi, si byo se? Urimo usengera nyoko wicaye hanze hariya, kandi. Niba ari byo, zamura ukuboko kwawe. Ntabwo tuziranye. Ni byo? Akira ikiganza, ni mukorane mu kiganza bamwe ku bandi. Byose bimeze neza, ni byo. Niba ushobora kwizera, urashobora no kwakira!

¹⁰⁵ Yesu Kristo wazutse ari muri iyi nyubako. Ni We wa wundi. ibyo birakumarira iki? Waretse isi igukuramo imbaraga

zawe zose? icyubahiro kibe icy’Imana! Ndashaka kuvuka bundi bushya! Ndashaka Ubugingo bushya! Ntabwo nitaye ku buryo bijemo, niba ngomba kuba uwera wiziringa hasi, cyangwa ikindi kintu cyose. Ntabwo nitaye ku buryo bwose cyazamo, ndashaka Umwuka Wera nkuri kuri nje ubungubu. Ndashaka guhorana na We! Nahitamo kumugira kuruta kugira ibintu byose by’isi. Amina! Urizera? Urizera ko Ari hano?

¹⁰⁶ Murambikaneho ibiganza bamwe ku bandi, hanyuma. Mu mbwire ikindi kintu kimwe yashoboraga gukora. Ntacyo. Gira kwizera. Emera ko byarangiye.

¹⁰⁷ Mwami Mana, Umuremyi w’ijuru n’isi, Umwanditsi w’ubuzima bw’iteka, kandi utanga impano nziza zose, Umwuka wawe ari hano mu gusigwa kw’ishyamba, Mwami, wagirango n’inyubako iri guhumeka, urujya n’uruza. Kuki abantu badashobora kubyumva, Mwami? Bafite—basaye mw’isi cyane, kandi barakonje cyane kandi bakunda ibineza, kugeza ubwo batagishobora ku kumenya? Mwami Mana, izo mbaraga nizigere ku bantu bose, kandi umurwayi wese akire, umunyabyaha wese akizwe, kandi Imana ihabwe icyubahiro. Ni ku bwa Yesu Kristo, Umwana w’Imana, mbisabye. Amina.

¹⁰⁸ Urabyizera? Zamura amaboko yawe. Wemera gukira kwawe? Imana iguhe umugisha. Noneho genda bikubere nk’uko ubyizera, bizaba gutyo. Ndabona iyerekwa riri kuzira abandi. Ni byo. Ngomba kugaruka muri iri joro.

¹⁰⁹ Niba utizera ubungubu, ntuzigera wizera na gato. Ni byo. Yesu yabikoze inshuro imwe, baravuga bati: “Uri. . . Turabizi ko igihe Mesiya azazira, Azatubwira ibi.” Yaravuze ati: “Nzi ko Mesiya azabikora. Ariko se Wowe uri nde?”

Yaravuze ati: “Ndi We.”

¹¹⁰ Hanyuma yahise ko yirukankira hose mu mujyi, ati: “Nimuze, murebe Umugabo uzi uwo ndi we ndetse n’ibyakoze byose. Mbese uyu si we Mesiya?”

¹¹¹ Yaravuze ati: “Ibi bintu bizongera bibeho mu minsi ya nyuma. Itorero rizamamaza Ukuri, Rizahagarara ku Ijambo. rizashyira mu bikorwa amategeko yose y’Imana. Ntabwo rizihuza n’isi. Kandi aho ngaho ni ko nzabigenza nzakora bimwe nka byo.”

¹¹² Ariko yaravuze ati: “Bazaba bikakaza, birata, abakunda ibinezeza kuruta uko bakunda Imana, bahungabanya amahoro, bashinja ibinyoma, bafite ishusho yo kwera,” abanyamwuka cyane, bajya mu nsengeru. “Bafite uburyo bwo kubaha Imana, ariko bagahakana Imbaraga zayo. Abo bantu mubirinde!”

¹¹³ Mwa bantu mwe, aho mwaba muri mwese mw’itorero, abo amaze guhamagara nonaha, iyerekwa rimvuyeho rirangiye. Niba—niba ari byo byose bikaba byari ukuri, ibyo navuze, kandi nkaba ntacyo nari mbiziho kuri mwebwe, muzamure amaboko,

yari We. Hirya no hino mu itorero, buri—buri muntu wese. Byose bimeze neza. Murareba? Simbazi, ntabwo nigeze mbabona na rimwe; ariko Umwuka Wera ari hano kandi arabazi. Mbese ntimushobora kubona yuko atari nje?

¹¹⁴ Umva! Nabimpa, azanyizera no mu Kuri kw'Ijambo, kuberako Ukuri kuzanwa n'Ijambo gusa. “Ni mwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha, kandi muzakira impano y'Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu, n'abari kure bese, abazahamagarwa n'umwami Imana yacu.” Murabyizera? Hagomba kubaho umurimo wo kubatizwa mu kanya gato.

¹¹⁵ Reka twunamishe imitwe. Ndasaba pasiteri aze gusenga mu gihe biteguye kubatizwa. Ntekereza ko hari umurimo wo kubatiza uza gukurikiraho. Byose bimeze neza.



ITORERO, RYASHUTSWE N'ISI KIN59-0628M

(A Deceived Church, By The World)

URUHEREKANE RW'AMATORERO

Ubu butumwa bwa Mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku Cyumweru mu gitondo, tariki ya 28 Kamena 1959 ku Rusengero rwa Branham i Jeffersonville, Indiana, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bwafashwe amajwi kuri bande mu mwimerere wabwo. Bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe kandi rinatangazwa na Voice of God Recordings.

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org